# 251: Munsi y’Umusaraba

1. Munsi y’Umusaraba
W’Umukiza Yesu
Ni ho nifuza rwose
Guhora mpagaze
N’ibuye ry’igitare
Rimber’ igicucu
Rinkiz’ impagarara
Mu rugendo rwanjye

2. Uwo Musaraba we
Wabay’ ihuriro
Ry’ukuri n’urukundo
By’Iman’ ihoraho
Unyibutsa za nzozi
Yakobo yarose
Umbereye nk’urwego
Rugenza mw’ ijuru

3. Hirya y’Umusaraba
Mbonay’ umworera
N’umunwa w’i kuzimu
Wakamw’ umuriro
Nyamar’ imbere yawo
Har’ Umusaraba
Uteze nk’amaboko
Ng’unkize, ntagwayo

4. Kur’ uwo musaraba
Ndasa n’ushobora
Kureba yesu abambwe
Ari jy’ apfiriye
Ndatangaye Mukiza
Ntiwar’ ukwiriye
Kungirir’ iryo bambe
Jye waguhemuye!

5.

Munsi y'Umusaraba
Nzagumay' iteka,
Naho nabur' ibyanjye
Nywubonamw' inyungu
Nta soni mfit' uretse
Iz' ibyaha byanjye
Nzajya nirata gusa
Uwo Musaraba!

Visit us at burundi.indirimbo.com